



GAHUNDA Y'ICYITEGEREZO YO GUKURA ABATURAGE MU BUKENE MURI PROVIDENCE



Umuyobzi w'umujiyi ari we Jorge O. Elorza jaye muri gahunda y'abayobozi b'imijyi bagamije gukura abaturage mu bukene, rikaba ari ihuriro ry'abayobozi b'uturere barenga 50 bo mu gihugu bashyizeho gahunda y'icyitegerez yo kugenzura impinduka n'umusaruro w'ubufasha bw'amafaranga. Abayobozi b'imijyi bari muri gahunda yo gukura abaturage mu bukene batanga ubufasha bw'ibanze bwerekereye amafaranga bwunganira, aho gusimbura, amafaranga y'ubwiteganyirize asnazwe atangwa kandi bigakora nk'uburyo bwo kuringaniza abo mu moko n'ibitsina bitandukanye.

Gahunda yo gukura abaturage mu bukene muri Providence ni gahunda y'icyitegerez **iterwa inkunga n'abagiraneza** izajya itanga amafaranga buri kwezi, ku buryo bugaruka agahabwa abantu mu buryo butaziguye. **Nta kigenderwaho muri iyi gahunda**, ntacyo usabwa nyuma y'aho kandi ntabwo bigombera kuba ukora cyangwa wiga. Gahunda ntiri hose ariko iteguye ku buryo **igeria ku baturage runaka**.

Ni abaturage batuye muri Providence bangahe bahawe amafaranga?

Gahunda y'icyitegerez yo gukura abaturage mu bukene muri Providence izaha **serivisi ingo 110 mu mwaka umwe**. Bityo, mu gihe ari ingenzi ku bitabiriye, ntabwo bijyanye n'ibyo abaturage bose bakenewe. Intego ya gahunda y'icyitegerez yo gukura abaturage mu bukene muri Providence ni ukugaragaza impinduka nziza n'umusaruro w'ubufasha bw'amafaranga no gukoreshwa mu gukorera ubuvugizi gahunda zisa ku rwego rwa leta n'igihugu.

Ni nde wujuje ibisabwa kugira ngo ajye muri gahunda yo guhabwa amafaranga muri iyi gahunda y'icyitegerez?

Abatuye muri Providence binjiza amafaranga ari munsi ya 200% by'umurongo w'ubukene mu gihugu baba bujuje ibisabwa kandi bashishikarizwa kwitabira iyi gahunda y'icyitegerez. Ikigo cyigenga kizakora tombora kugira ngo hatoranywe abitabira bazakurwa mu basabye kujya muri gahunda. Abazitabira gahunda nibamara gutoranywa, hazakorwa tombora ya kabiri bashyirwa mu "itsinda rihabwa amafaranga" n'"itsinda ridahabwa amafaranga."

Itsinda ridahabwa amafaranga zituma dusobanukirwa ingaruka zo guhabwa amafaranga mu gihe runaka mu matsinda abiri asa y'abantu: umwe uhabwa amafaranga n'undi utayahabwa.

Gutanga amafaranga bizatuma hari ibindi abantu bagenerwa?

Umujiyi wa Providence n'abafatanyabikorwa bacu bari gukorana bya hafi n'Ishami rya RI rishinzwe serivisi zihibwa abaturage kugira ngo ubwo bufasha bw'amafaranga butagira icyo buhindura ku bigenwa n'izindi gahunda nka RI Works, Ubufasha bwo kurera umwana, LIHEAP n'ubufasha bw'ingoboka mu kwishyura ubukode.

Ni nde wateguye Gahunda y'icyitegerez yo gukura abaturage mu bukene muri Providence?

Umujiyi wa Providence wakoze ubushakashatsi bugera ku baturage bo hasi mu itegurwa ry'i yi gahunda. Imiryango yagize uruhare muri iyi gahunda harimo Direction Action for Rights and Equality (DARE), United Way of RI, Rhode Island Foundation, Alliance to Mobilize our Resistance (AMOR), RI Kids Count, Economic Progress Institute, Providence Human Relations Commission n'indi miryango.